REPUBLIKA Y'U RWANDA

Kigali, ku wa 14 MAI 2001
N°335/03.5

Minisitiri w'Intebe

URGENT

Translate
Share to
all directors
SG.

- Madamu, Bwana Minisitiri (Bose)
- Madamu, Bwana Sekereteri wa Leta (Bose)
KIGALI

**Impamvu** : Gukora raporo y'ibyagezweho na Guverinoma kuva ku wa 19/7/2000 kugeza ku wa 19/7/2001

A traiter par
Date entrée : 16/05/001
N° Classement : 10.146/21

Madamu, Bwana Minisitiri,
Madamu, Bwana Sekereteri wa Leta,

Nk'uko musanzwe mubizi, buri mwaka ku itariki ya 19 Nyakanga, twizihiza umunsi w'ishingwa rya Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda. Muri uyu mwaka tukaba tuzizihiza uwo munsi ku nshuro ya karindwi.

Biramenyerewe kandi ko kuri uwo munsi Guverinoma igeza ku Banyarwanda ibikorwa by'ingenzi iba yaragezeho muri uwo mwaka.

Ni muri urwo rwego mbasaba ko mwategura raporo y'ibikorwa by'ingenzi Minisiteri muyobora yagezeho kuva ku wa 19 Nyakanga 2000 kugeza ku wa 19 Nyakanga 2001. Kugira ngo haboneke umwanya uhagije wo gutegura inyandiko ikubiyemo ibyagezweho na Guverinoma, ndasaba ko mwanyohererereza iyo raporo bitarenze ku wa 15 Kamena 2001.

Mugire amahoro.

*Bernard MAKUZA*

REPUBULIKA Y'U RWANDA
PREMIER MINISTRE

**Bimenyeshejwe:**
- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
**KIGALI**